ICTR-2002-78-I
21-06-2005
(149 bis - 146 bis)

149 bis
Iwan

Umwimerere : Icyongereza

**URUGEREKO RWA MBERE RW'IREMEZO I**

**Haburanisha abacamaza**: Erik Møse, Perezida
Jai Ram Reddy
Sergei Alekseevich Egorov

**Gerefiye**: Adama Dieng

**Itariki**: 08 Ugushyingo 2004

2005 JUN 21 A 10: 11
ICTR
JUDICIAL RECORDS/ARCHIVES

**HABURANA:**

**POROKIRERI**
**na**
**Gaspard KANYARUKIGA**

**Urubanza N° ICTR-2002-78-I**

---

**ICYEMEZO KU CYIFUZO CYATANZWE N'UBWUNGANIZI BUSABA KO INYANDIKO ZOSE ZIHINDURWA MU KINYARWANDA**

---

Ibiro bya Porokireri:
Silvana Arbia
Althea Alexis

Ubwunganizi bw'Ushinjwa:
Cecil Maruma

**Urukiko mpuzamahanga nshinjabyaha rwagenewe u Rwanda ("Urukiko");**

Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo I, rugizwe n'umucamanza Møse, Perezida, umucamanza Jai Ram Reddy n'umucamanza Sergei Alekseevich Egorov;

**Rumaze kubona** "Icyifuzo gisaba ko Urukiko rutegeka ko inyandiko zose zirebana n'uru rubanza zihindurwa mu Kinyarwanda mbere y'iburanisha" cyatanzwe n'Ubwunganizi ku itariki ya 6 Ukwakira 2004;

**Rumaze kubona** igisubizo cyatanzwe na Porokireri ku itariki ya 11 Ukwakira 2004;

Rwemeje ibi bikurikira

**IBYIFUZO**

1. Ubwunganizi bwifuza ko inyandiko zose z'uru rubanza zihindurwa mu Kinyarwanda, ururimi rw'Uregwa. Uregwa azi gusoma no kwandika Ikinyarwanda gusa, akaba avuga ko afite uburenganzira bwo gukoresha ururimi rwe.

2. Ubushinjacyaha buvuga ko indimi zikoreshwa n'Urukiko ari Igifaransa n'Icyongereza. Buvuga kandi ko ibiro bya Gerefiye ari byo bifite inshingano zo guhindura inyandiko mu zindi ndimi. N'iyo Uregwa afite uburenganzira bwo guhindurirwa inyandiko mu ndimi ashaka, izo nyandiko zigomba kuba zifite icyo zihuriyeho n'ibimenyetso birebana n'ibyaha aregwa.

**IMPAKA**

3. Hakurikijwe Ingingo ya 3 (A) y'Amategeko agenga imiburanishirize n'itangwa ry'ibimenyetso, indimi zikoreshwa n'Urukiko ni Icyongereza n'Igifaransa. Ingingo ya 3 (B) iteganya ko Uregwa afite uburenganzira bwo gukoresha ururimi rwe rwa kavukire. Hakurikijwe kandi Ingingo ya 3 (E), Gerefiye afata ingamba za ngombwa kugirango ibivugwa bisemurwe n'ibyanditse bihindurwe mu ndimi zikoreshwa n'Urukiko. N'ukuvuga rero ko ibibazo byerekeranye no guhindura mu ndimi bireba mbere na mbere ibiro bya Gerefiye. Ibyo bibazo bishyikirizwa Urugereko iyo ibiro bya Gerefiye bidashoboye kubikemura. Mu kwemeza niba rugomba gutegeka ko inyandiko zihindurwa cyangwa zidahindurwa, Urugereko rugomba kwita ku burenganzira bw'Uregwa ariko kandi rutirengagije n'ibyatuma urubanza rwihuta.

4. Urugereko rusanga nta wigeze ahakana ko Uregwa azi Ikinyarwanda gusa. Mu rubanza rwa *Muhimana*, Urugereko rwagiye impaka ku byemezo by'Urukiko byafashwe mbere bivuga ko Uregwa afite uburenganzira bwo guhindurirwa mu rurimi yumva inyandiko zose akeneye kumva, kugira ngo agire urubanza rutabogamye, yumve ibyo aregwa kandi ashobore kwiregura avuga ibintu uko abibona ubwe.[1] Muri urwo rubanza, Urugereko rwemeje ko inyandiko zikurikira zihindurwa mu Kinyarwanda: inyandiko zose zifite icyo zihuriyeho n'ibimenyetso birebana n'ibyaha Ushinjwa arega, zirimo

---

[1] *Muhimana,* Icyemezo cyafashwe ku Cyifuzo cyatanzwe n'Ubwunganizi gisaba ko inyandiko z'Iburanisha n'Itangwa ry'Ibimenyetso zihindurwa mu Kinyarwanda, ururimi rw'Uregwa, no mu Gifaransa, ururimi rw'Umwunganira (TC), itariki ya 6 Ugushyingo 2001, ibika bya 19-21 byohereza no ku zindi nyandiko; reba n'urubanza rwa *Rukundo*, Icyemezo cyafashwe ku Cyifuzo cy'Ubwunganizi gisaba ko inyandiko z'Iburanisha n'Itangwa ry'Ibimenyetso mu rubanza rwa Rukundo (TC) zihindurwa mu Gifaransa, itariki 5 Werurwe 2004.

ubuhamya bwanditse bw'abagabo bwatanzwe na Porokireri mbere, hakurikijwe Ingingo ya 66 (A) (ii), hamwe n'ibyemezo n'amategeko byatanzwe n'Ingereko. Inyandiko atari ngombwa ko zihindurwa mu zindi ndimi ni izatanzwe ariko ziterekanywe mu iburanisha; ibyifuzo bitangwa n'ababuranyi, imyanzuro n'ibindi bisabwa mu rukiko; n'inyandikomvugo z'iburanisha; ibyemezo; ihererekanya ry'inyandiko n'izindi nk'izo. Inyandiko nk'izo zishobora guhindurwa mu zindi ndimi, ibiro bya Gerefiye biramutse bibifitiye ubushobozi.

5. Urugereko rutegetse ko inyandiko zose zifite icyo zihuriyeho n'ibimenyetso birebana n'ibyaha ushinjwa aregwa, zirimo ubuhamya bwanditse bw'abagabo bwatanzwe mbere, n'ibyemezo n'amategeko byatanzwe n'Ingereko, zihindurirwa Uregwa, mu Kinyarwanda.

**KUBERA IZI MPAMVU ZITANZWE HEJURU, URUGEREKO**

**RWEMEYE** icyifuzo cy'Ubwunganizi, haseguriwe ko inyandiko zigomba guhindurwa ziba mu byiciro byatanzwe hejuru.

Bikorewe Arusha, itariki ya 8 Ugushyingo 2004.

| | | |
|---|---|---|
| Erik Møse | Jai Ram Reddy | Sergei Alekseevich Egorov |
| Perezida | Umucamanza | Umucamanza |

UNITED NATIONS
NATIONS UNIES

**International Criminal Tribunal for Rwanda**
**Tribunal Pénal International pour le Rwanda**
Arusha International Conference Centre
P.O.Box 6016, Arusha, Tanzania - B.P. 6016, Arusha, Tanzanie
Tel: 255 57 504207-11 504367-72 or 1 212 963 2850 Fax: 255 57 504000/504373 or 1 212 963 2848/49

# PROOF OF SERVICE – ARUSHA
# *PREUVE DE NOTIFICATION – ARUSHA*

| | | | |
|---|---|---|---|
| Date: | **21 June 2005** | Case Name / *Affaire:* | **The Prosecutor vs. Gaspard KANYARUKIGA** |
| | | Case No /*Affaire No.*: | **ICTR-02-78-T** |

**To: / *A:***

☒ **TC1** — received by / *reçu par:* — **ALO**: received by / *reçu par*
- ☐ **Judge E. Møse, President** ........ ☐ ........
- ☐ **Judge J. R. Reddy** ........ ☐ ........
- ☐ **Judge S. A. Egorov** ........ ☐ ........
- ☐ **Judge D. C. M. Byron** *(Simba)* ........ ☐ ........
- ☐ **E. Nahamya, Co-ordinator** ........

☐ TC2
- ☐ Judge W. H. Sekule ........ ☐ ........
- ☐ Judge A. Ramaroson ........ ☐ ........
- ☐ Judge K. R. Khan *(Bizimungu et al.)* ........ ☐ ........
- ☐ Judge A. J. N. de Silva ........ ☐ ........
- ☐ Judge S. B. Bossa *(Nyiramasuhuo et al.)* ........ ☐ ........
- ☐ Judge L. G. Muthoga *(Bizimungu et al.)* ........ ☐ ........
- ☐ Judge E. F. Short *(Bizimungu et al.)* ........ ☐ ........
- ☐ Judge T. Hikmet *(Ndindiliyimana et al.)* ........ ☐ ........
- ☐ Judge S. K. Park *(Ndindiliyimana et al.)* ........ ☐ ........
- ☐ C. Eboe-Osuji, SLO ........
- ☐ A. Leroy, Co-ordinator ........

☐ TC3
- ☐ Judge A. Vaz ........ ☐ ........
- ☐ Judge K. R. Khan ........ ☐ ........
- ☐ Judge D. C. M. Byron ........ ☐ ........
- ☐ Judge F. Lattanzi *(Karemera et al.)* ........ ☐ ........
- ☐ Judge L. G. Muthoga *(Muhimana)* ........ ☐ ........
- ☐ Judge F. R. Arrey *(Karemera et al.)* ........ ☐ ........
- ☐ Judge E. F. Short *(Muhimana)* ........ ☐ ........
- ☐ Judge H. Kökborg *(Seromba)* ........ ☐ ........
- ☐ Judge G. G. Kam *(Seromba)* ........ ☐ ........
- ☐ E. O'Donnell, SLO ........
- ☐ R. Adjovi, Co-ordinator ........
- ☐ R. Diarra, Co-ordinator ........
- ☐ C. Denis, Co-ordinator *(Karemera et al.)* ........
- ☐ H. Gogo, Co-ordinator *(Seromba)* ........
- ☐ E. Nahamya, Co-ordinator *(Muhimana)*

☒ **OTP / *BUREAU DU PROCUREUR***
- ☐ Trial Attorney in charge of case: **W. Egbe** — received by ........

☒ **DEFENSE**
- ☐ Accused / *Accusé*: **G. Kanyarukiga** — [signature] 21/6/05 — complete / *remplir* "CMS4 FORM"
- ☐ Lead Counsel / *Conseil Principal* **E.M. BAHATI**
- ☐ In / à Arusha Arusha ........(signature) ☐ by fax complete / *remplir* "CMS3bis FORM"
- ☐ Co-Counsel / *Conseil Adjoint*:
- ☐ In / à Arusha Arusha ........(signature) ☐ by fax complete / *remplir* "CMS3bis FORM"

**All Decisions:** ☐ Appeals Chamber Unit, The Hague ☐ S. Chenault, Jurist Linguist

**All Decisions & Important Public Documents:** ☐ Press & Public Affairs ☐ Legal Library

**From: / *De:*** ☐ J.-P. Fomété (Chief, CMS) ☒ N. Diallo ~~(TC1)~~ ~~☐ R.~~ Kouambo (TC2) ☐ C. Hometowu (TC3) ☐ F. A. Talon (Appeals)

**Cc:** ☐ A. Dieng ☐ A. Miller, OLA, NY ☐ L. G. Munlo ☐ M. Niang ☐ S. Menon ☐ S. van Driessche ☐ WVSS ☐ R. Amoussouga ☐ E. O'Donnell ☐ DCDMS ☐ P. Enow

**Subject / *Objet:*** **Kindly find attached the following document(s) / *Veuillez trouver en annexe le(s) document(s) suivant(s):***

| Documents name / *titre du document* | Date Filed / *Date enregistrée* | Pages |
|---|---|---|
| ICYEMEZO KU CYIFUZO CYATANZWE N'UBWUNGANIZI BUSABA KO INYANDIKO ZOSE ZIHINDURWA MU KINYARWANDA | 21/06/2005 | 04 |

**International Criminal Tribunal for Rwanda**
**Tribunal Pénal International pour le Rwanda**

UNITED NATIONS
NATIONS UNIES

Arusha International Conference Centre
P.O.Box 6016, Arusha, Tanzania - B.P. 6016, Arusha, Tanzanie
Tel: 255 57 504207-11 504367-72 or 1 212 963 2850 Fax: 255 57 504000/504373 or 1 212 963 2848/49

# PROOF OF SERVICE TO DETAINEES
# *PREUVE DE NOTIFICATION D'ACTES AUX DETENUS*

**Upon signature of the detainee, please return this sheet to the originator as proof of service.**
***Formulaire à être renvoyé à l'expéditeur dûment signé par le détenu.***

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| Date: **21/06/2005** | Case Name / *Affaire:* **The Prosecutor vs. G. KNYARUKIGA**<br>Case No / *Affaire No*: **ICTR-02-78-I** | | | |
| To:<br>*A:* | Name of detainee / *nom du détenu*<br><br>**KANYARUKIGA** | **TO BE FILLED IN BY THE DETAINEE**<br>***A COMPLETER PAR LE DETENU***<br>I confirm reception of the document(s) listed below.<br>*Je confirme réception du/des documents mentionné(s) ci-dessous.* | Signature | Date, Time / *Heure*<br>21-06-05 |
| Via*:* | **Security Officer**<br>**Commanding Officer, UNDF** | Print name / *nom*<br>**S. Guindo** | Signature | Date , Time / *Heure*<br>21/6/05 |
| From:<br>*De:* | ☐ J.-P. Fomété (Chief, CMS) ☒ **N. Diallo (TC1)** ☐ R. Kouambo (TC2) ☐ C. Hometowu (TC3)<br>☐ F. A. Talon (Appeals) ☐ Other / *Autre* ..................... | | | |
| Subject<br>*Objet:* | **Kindly find attached the following documents / *Veuillez trouver en annexe les documents suivants.*** | | | |

| Documents name / *titre du document* | Date Filed / *Date enregistrée* | Pages |
|---|---|---|
| **ICYEMEZO KU CYIFUZO CYATANZWE N'UBWUNGANIZI BUSABA KO INYANDIKO ZOSE ZIHINDURWA MU KINYARWANDA** | **21/06/2005** | **04** |

42